IBIRORI BYO GUHIMBAZA YUBILE Y'IMYAKA 25 PADIRI PROSPER NTIYAMIRA AMAZE AHAWE UBUSASERIDOTI

Kuri uyu wa kane tariki 14/07/2016, kuri paruwasi Kavumu habereye ibirori byo guhimbaza Yubile y'imyaka 25 ishize Padiri Prosper NTIYAMIRA, padiri mukuru wa paruwasi ya Kavumu amaze ahawe Ubusaseridoti. Ibyo birori byabimburiwe n'Igitambo cya Misa Yatuwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa diyosezi ya Nyundo; bikaba byitabiriwe n'abasaseridoti baturutse hirya no hino mu madiyosezi yo mu Rwanda barimo abo basangiye kuba bari mu mwaka wa yubile hari kandi n'abayobozi b'inzego bwite za Leta barimo Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'akarere ka Rutsiro Bwana NIYONZIMA Tharcisse.

Aba nibo bari bitabiriye ibirori bari muri Yubile y'imyaka 25

Mu nyigisho ye, Umwepiskopi aravuga ko imyaka 25 ishize Padiri Prosper NTIYAMIRA atowe ngo abe umuhuza w'Imana n'abantu. Iki Gitambo kiragaragaza ibyishimo dutewe na Yubile. Igihe nk’iki ni umwanya wo gusubiza amaso inyuma umuntu akareba niba yareze imbuto. Yeremiya ahabwa ubutumwa yari abanje kwanga kuko yari akiri muto ariko Imana imwereka ko yamutoye ataravuka. Bibiliya itubwira n'abandi baba baratowe bataravuka nka Samusoni, Yohani Batisita, Yezu n’abandi bityo n'umusaseridoti atorwa ataravuka kubera uburemere bw'ubutumwa aba agiye gushingwa.

Umusaseridoti akaba agomba gufasha benshi mu kwemera kandi ntiyirengagize abanyantege nke. Padiri Prosper yatanze amasakatamentu ku bantu benshi kandi yafashije benshi, iyi yubile itubere akanya ko kuzirikana ku mubano wacu n'Imana dutanga urugero rwiza mu kwemera. Yezu atubwira ko nitumubamo n'amagambo ye akatubamo, dusabe icyo dushaka cyose tuzagihabwa.

Uhagarariye abakristu ba paruwasi Kavumu yavuze ko ari umunsi w'ibyishimo. Abakristu barashimira Imana yahaye padiri prosper kuba umusaseridoti. aranashimira ababyeyi bamwibarutse. Arashimira Padiri Prosper wateguye uyu munsi. Abakristu ba paruwasi bamuhaye impano y'inka kugira ngo ahore abona amata. Barifuza ko iyi yubile itaba iya nyuma akoze ahubwo akazakora n'izindi zikurikiyeho.

Mu ijambo rye Padiri Prosper NTIYAMIRA yatangiye avuga ko ineza y'umwami wacu Yezu Kristu bihorane na bose. Mu myaka 25 ishize arashimira ineza, impuhwe n'ubuntu Imana yamugiriye. Arashimira Imana yamuhaye ababyeyi, abavandimwe, abarezi n'abandi bose Imana yamuhaye bakaba baramufashije kuba ageze kuri iyi yubile. Yavuze ko bamaze igihe gito gishize bahawe ubusaseridoti habaye Jenoside yakorewe Abatutsi hapfamo benshi biganye bityo asaba abari aho gufata umwanya wo kubanza kubibuka.

Aribuka ineza n'impuhwe Imana yamugiriye kuva yahabwa ubupadiri akibuka cyane paruwasi ya Rususa yatangiriyemo ubutumwa yamufashije cyane gutangira ubutumwa iyo abonye abo muri iyo paruwasi bari gukorana yubile y'imyaka 25 ababatije cyangwa abashyingiye biramushimisha. Yasoje ijambo rye asaba abari aho gukomeza kuryoherwa n'ibyishimo bya yubile

Mu ijambo rye Bwana NIYONZIMA Tharcisse waje ahagarariye umuyobozi w'akarere ka Rutsiro aragaragaza ko yaje kwishimira umurimo mwiza Imana yashinze padiri Prosper NTIYAMIRA kandi yifuza ko ubwo butumwa yabukomeza; yanamwijeje ubufatanye n'inzego z'ubuyobozi. Uyu munsi akarere ka Rutsiro kishimiye gufatanya na we guhimbaza iyi yubile. Uyu munsi wa yubile ube umwaka w'imihigo bityo akaba atangiye igihe cyo kwitura Imana.



Mu mpanuro yatanze, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, arashimira Imana yatoye Padiri Prosper NTIYAMIRA ngo ayibere Umusaseridoti. Arashimira kandi padiri Prosper imyaka 25 amaze yamamaza Inkuru Nziza. Arashimira kandi ababyeyi bamwibarutse. Arashimira abateguye uyu munsi ndetse n'abatanze impanuro bose. Yasabye abari aho kuzirikana abantu twagombaga kuba turi kumwe tukaba tutari kumwe kubera Jenoside yakorewe abatutsi.

Uyu munsi tuributswa ibyishimo by'umupadiri ko bituruka mu kwegera abakristu no kubana na bo. Arashimira ubutumwa bunyuze mu mivugo bwatanzwe n'abavandimwe ba padiri Prosper. Arashimira ubuyobozi bw'akarere bwaje

kwifatanya na padiri Prosper mu guhimbaza iyi yubile, biragaragaza ubufatanye bw'akarere na Diyosezi ya Nyundo kandi arahamya ko ubwo bufatanye buzakomeza. Ni ibyishimo muri diyosezi ya Nyundo kubona hari abasaseridoti 3 bari muri yubile y'imyaka 25. Yavuze ko abapadiri ba diyosezi ya Nyundo bamuhaye inka yo kumukamirwa. Yasoje ashimira abaje bose kwifatanya muri ibi birori.

Padiri Emmanuel BAMPORINEZA